

Umuntu afite kamere y'imiterere ifite inkomoko, usibye gusa igihe ibikikije umuntu bibigizemo uruhare iyo miterere rero yagiye ivugwa muri Hadith z'impamo:

SUNAT	ITEGEKO RYAYO	IGISOBANURO CYAYO
[1] KUGABANYA UBWANWA BWO HEJURU	NI SUNAT, KANDI NI BIBI KUBWOGOSHA UKABUMARAHO	ISUNA KU BWANWA BWO HEJURU NI UKUBUGABANYA K'UBURYO USIGARA UBONA INKOMBE Z'IMINWA.
[2] GUTEREKA UBWANWA	NI ITEGEKO	NTIBYEMWE KOGOSHA UBWANWA KUKO ARI UGUCISHA UKUBIRI N'ITEGEKO RY'INTUMWA RITEGEKA KUBUTEREKA
[3] GUKUBITA UMUSWAKI	NI SUNAT ISHIMANGIYE	GUKORESHA AGATI BITA AL ARAKI KABUGENEWE NDETSE N'IKINDI ICYO ARICYO CYOSE NI SUNAT IGIHE ICYO ARICYO CYOSE, BIKABA NGOMBWA CYANE IGIHE CYO GUTAWAZA, GUSARI NO KWINJIRA MU NZU NDETSE NO MU MUSIGITI, N'IGIHE UGIYE GUSOMA QORAN, N'IGIHE UBYUTSE N'IGIHE UMUNTU YAPFUYE NDETSE N'IGIHE WUMVA UMWAKA WO MU KANWA WAHINDUTSE UTARI MWIZA.
[4] GUSHOREZA AMAZI NO KUYAPFUNA	NI IMWE MURI SUNAT ZO GUTAWAZA	KOZA MU MAZURU BIKORWA UMUNTU ASHOREZA AMAZI MU IZURU YAMWE NO KUYAPFUNA
[5] GUCA INZARA	NI SUNAT KANDI NTIBYEMWE KUZIREKA IMINSI 40	GUCA INZARA NI UKUZIGABANYA KUKO KUZIHORERA ARIYO NTANDARO YO GUTUMA HAKUSANYIKIRAMO IMYANDA MYINSHI
[6] KOZA MU NGINGO	NI ISUNAT	NI UKOZA AHANTU HOSE HASHOBORA GUKUSANYIKA IMYANDA ARIHO MU NGINGO N'AHANDI
[7] GUPFURA UBUCAKWAHA	NI SUNAT KANDI NTIBYEMWE KUZIREKA IMINSI 40	NI UGUKURAHU IMISATSI IMERA MU KWAHA , YABA UKUWEHO HAKORESHEJWE KUBUPFURA CYANGWA KUBWOGOSHA CYANGWA UBUNDI BURYO, KUBERA ISUKU IBONEKA MU KUBUKURAHU NO KURWANYA IMPUMURO MBI YATERWA NABWO.
[8] KOGOSHA INSYA	NI SUNAT KANDI NTIBYEMWE KUZIREKA IMINSI 40	NI UKOGOSHA IMISATSI IMERA KU MPANDE Z'IGITSINA NDETSE NO MU KIBUNO, ZISHOBORA GUKURWAHO ZITOGOSHE AHUBWO HAKORESHEJWE IMITI IBIGENEWE
[9] GUSITANJI	BIRI MU BIGOMBA KUBAHIRIZWA IGIHE WITUMA	ARIBYO GUKURAHU ICYO ARICYO CYOSE CYASOHOKA MURI IMWE MU INZIRA EBYIRI, HAKORESHEJWE KUHOZA CYANGWA IKINDI KINTU, UKOZA AHASOHOTSE UMWANDA N'IMPANDE ZAHU.
[10] KOZA MU KANWA	IBI BIBONEKA MURI SUNAT ZO GUTAWAZA	BIKABA ARI UKOZA MU KANWA HAKORESHEJWE GUSHIRAMO AMAZI NO KUYACIRA.

IMVUGO IKOMOKA KURI AISHA (IMANA IMWISHIMIRE) YARAVUZE ATI : INTUMWA MUHAMADI IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA YARAVUZE ITI : IBINTU ICUMI BIBARIRWA MU BINTU KAMERE : KUGABANYA UBWANWA BWO HEJURU, NO GUTEREKA UBWANWA, NO GUKUBITA UMUSWAKI NO GUSHOREZA AMAZI UKAYAPFUNA, NO GUCA INZARA, NO KOZA MU NGINGO NO GUPFURA UBUCAKWAHA, NO KOGOSHA UBUCAKWAHA NO KOGOSHA INSYA NO GUSITANJI » ZAKARIYA YARAVUZE ATI : MUSW'ABU YARAVUZE ATI : NIBAGIWE ICYA CUMI NIBA ATARI UKUNYUGUZA MU KANWA » YAKIRIWE NA MUSLIM.

[11] GUSIRAMURWA	N ITEGEKO KU ABAGABO BIKABA NA SUNAT KU ABAGORE I BARAMUTSE BABISHAKA	BIKABA ARI UGUKATA URUHU RUKIKIJE IGITSINA KUGIRA NGO HATABA IHURIRO RY'IMYANDA NDETSE NO KUGIRA NGO UMUNTU ABASHE KWIRINDA INKARI
-------------------------	--	--

IMVUGO YATURUTSE KURI ABI HURAYIRAT (IMANA IMWISHIMIRE) YARAVUZE ATI : IBINTU BITANU BIRI MU BINTU BYA KAMERE : KWISIRAMUZA..... » YAKIRIWE NA BUKHARIY NA MUSLIM.

Bikomotse mu Gitabo cyitwa: Fathul Mu'een Fee Taqreeb Manhaj As-Saalikeen Wa Tawdheeh Al-Fiqh Fee Ad-Deen cya Shaykh Haytham Sarhaan, edition ya mbere (1) 1442 AH